
REB
Rwanda Education Board

# Bakame na Kanyamasyo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Bakame na Kanyamasyo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa


**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma


ISINGIZWE Placide, yanditse iyi nkuru afite imyaka 13, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Bisagara, Akarere ka Kirehe, Intara y'Iburasirazuba. Iyi nkuru ye, BAKAME NA KANYAMASYO ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.




Bakame na Kanyamasyo bari inshuti cyane.
Bakame yahingaga imboga n'imbuto nyinshi.




Kanyamasyo yororaga inkoko nyinshi. Izitanga inyama n'izitanga amagi.




Kanyamasyo yagiye gusura Bakame.
Bakame amutembereza mu murima we.
Amwereka imbuto n'imboga, aratangara.



Bakame amubwira ko imboga zifite akamaro.
Amubwira kandi ko n'imbuto na zo zigafite.
Amusobanurira ko azigaburira abana be.




Kanyamasyo na we avuga ko yoroye inkoko.
Agaburira abana be amagi n'inyama.



Ni yo mpamvu abana be bahorana imbaraga.
Ibyo bigatuma batsinda neza mu ishuri.



Kanyamasyo atashye, ahura na Warupyisi.
Warupyisi avuye kumwiba inkoko.
Kanyamasyo yiruka kuri Warupyisi aramusiga.




Kanyamasyo asubirayo abibwira Bakame.
Bakame ati: “Nange mfite icyo kibazo”.




Bajyana kwa Ntare kurega Warupyisi.
Basanga Ntare yota akazuba.




Ntare abajyana mu rugo abaha ibyicaro.
Bamubwira ko Warupyisi yabazengereje abiba.




Ntare ahita atumiza inyamaswa mu nama. Inyamaswa zitabira inama ari nyinshi.



Zihageze, Ntare aha Bakame ijambo. Bakame avuga ko Warupyisi yigize umunebwe.



Anazibwira ko atunzwe no kwiba.
Avuga kandi ko yamwibye imboga n'imbuto.




Kanyamasyo na we afata ijambo.
Avuga ko Warupyisi yamwibye inkoko.



Ntare abaza Warupyisi impamvu yiba.
Asubiza ko abiterwa n'uko adakora.
Abana be barwaye bwaki.



Warupyisi arigaya, yiyemeza kureka iyo ngeso.
Asaba imbabazi.
Atangira gukora akagaburira abana be neza.



Ikibazo cya Warupyisi cyarakemutse.
Abana be basigaye barya neza.
Ntibakirwara bwaki.



Ubu Warupyisi ntakiba.
Abanye neza n'abaturanyi.
Yishimira ko bamugiriye inama nziza.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA